UMURYANGO W'ABIBUMBYE
Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha

*Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("IRMCT") rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo rukomeze ububasha, uburenganzira, inshingano n'imirimo y'ingenzi by'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY) zarangije manda zazo mu mwaka wa 2015 n'uwa 2017, uko zikurikirana.*

# DISIKURU

**POROKIRERI**

*(Iyi nyandiko igenewe gukoreshwa n'itangazamakuru gusa. Ntigenderwaho mu mirimo ya IRMCT).*

Arusha, La Haye, 12 Ukuboza, 2023.

## Ijambo rya Bwana Serge Brammertz, Umushinjacyaha Mukuru w' Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha, yagejeje ku ku Kanama k'Umuryango w'Abibumbye Gashinzwe Umutekano ku isi

Nyakubahwa Perezida, ba Nyakubahwa,

Murakoze kuri uyu mwanya wo kugirango nongere kubagezaho raporo y'ibikorwa by'ibiro byanjye n'aho ibikorwa bigeze.

Raporo yanjye yanditse irabagezaho ibikorwa byacu n' ibisubizo mu buryo burambuye muri iki gihembwe cyo gutanga raporo. Uyu munsi ndifuza kugaruka ku bintu bikeya by' ingenzi.

Nyakubahwa Perezida, ba Nyakubahwa,

Uyu munsi nshobora gutangaza ko ibiro byanjye byarangije umurimo w'ingenzi muri manda yacu ariwo gushinja ibyaha byagejejewe ku nkiko za ICTR na ICTY.

Ku ya 31icurasi 2023, Urugereko rw'Ubujurire rwaciye urubanza rwa Stanišić na Simatović.

Urugereko rw'Ubujurire rwemeye ingingo ibiro byanjye byashingiyeho birega, ko Stanišić na Simatović bagize uruhare rukomeye mw'itsinda ry' ubugizi bwa nabi ryari rigamije kurimbura abantu bishingiye ku moko mu bice binini bya Korowasiya na Bosiniya na Herzegovina.

Nkuko twakomeje kubigaragaza, ibi byaha byakozwe n'abayobozi bakuru mu nzego nkuru z'ubutegetsi, bashishikariza urwango n'ubwoba, bakora urugomo ndengakamere, kugirango bagere ku ntego zabo za politiki.

Iri niryo somo tugomba gushimangira ko ryibukwa.

Ntabwo abanyabyaha ari Abaseribe, Abanyakorowasiya cyangwa Ababosiniyaki.

Ahubwo, ibyaha byari ibikorwa by'abantu ku giti cyabo. Abo bantu bo mu moko yose, nibo twakurikiranye tukanabahamya ibyaha.

Nyakubahwa Perezida, ba Nyakubahwa,

Nkuko Perezida Gatti Santini yabitangaje muri raporo ye, iburanisha mu urubanza rwa Kabuga ryararangiye.

Ibiro byanjye, ndetse n’abizera ubutabera bose, twumvise tutanyuzwe.

Ntabwo byatewe n’abacamanza, icyemezo cyabo cyakurikije imanza ziba zarahise kandi kigomba kubahirizwa.

Ahubwo, kutanyurwa kwacu ni ukwakira ko abahohotewe n'abacitse ku icumu rya Kabuga batabonye ubutabera bukwiye.

Kabuga ntazacirwa urubanza kubera uruhare yagize mu kababaro abaturage bo mu Rwanda bagize. Ariko biri mu bubasha bwacu kugira ngo abandi bagizi ba nabi bagezwe imbere y’ubutabera, cyane cyane abakomeje kwihisha mu miryango ya diaspora ku isi.

Fulgence Kayishema yatawe muri yombi ku ya 24 Gicurasi, akomeza gufungirwa muri Afurika y'Epfo mu gihe agitegereje ko abanza akoherezwa Arusha. Twizeye ko abategetsi bo muri Afurika y’Epfo bazemeza ko Kayishema yoherezwa mu maboko yacu nta yandi mananiza.

Nyuma y’uko dutangaje urupfu rwa Aloys Ndimbati ku ya 14 Ugushyingo, Ibiro byanjye birateganya ko tuzaba twamenye irengero ry’abatorotse ubutabera babiri ba nyuma mu mwaka utaha.

Nyakubahwa Perezida, ba Nyakubahwa,

Mu gihe tumaze kurangiza imanza mu mizi no mu bujurire, Ibiro byanjye ubu byibanze cyane ku mirimo yacu y’insigarira.

Icy'ingenzi muri byo ni ubufasha duha abayobozi b'igihugu gukomeza inzira yo gushinja ibyaha byakorewe mu Rwanda ndetse n'icyahoze ari Yugosilaviya. Nibwo buryo tugera ku cyerekezo cy’Inama y’Umutekano ko inkiko zigihugu zifata byimazeyo inshingano za ICTR na ICTY.

Mu buryo buhuye n’ingamba zo kurangiza imirimo, iyi Nama yategetse ibiro byanjye ko "tuzasubiza" ibyifuzo by’abafatanyabikorwa b’igihugu mu iperereza, gukurikirana no kuburanisha ibyaha biri mu bubasha bwacu.

Ubushishozi bw'iyi manda burasobanutse cyane.

Abategetsi b'uRwanda baracyashaka gushyikiriza ubutabera abajenosideri barenga 1,200 bahunze ubutabera. Mu buryo nk'ubwo, abashinjacyaha bo mu cyahoze cyitwa Yugosilaviya baracyafite abantu barenga 1,000 bakekwaho ibyaha by'intambara bagomba gukorwaho iperereza, hagaragara uruhare rwabo, bagakurikiranwa. Inzego zo mu bindi bihugu bigize Umuryango, cyane cyane mu Burayi no muri Amerika ya Ruguru, nazo zifite imanza zigomba gukurikirana.

Mu myaka itari mike ishize, twakiriye ibyifuzo byo gusaba ubufasha mu butabera birenga 300 buri mwaka. Ibi biragaragaza mu buryo bufatika ko inkunga yacu ikenewe cyane.

Abashinjacyaha b'igihugu bakomeje gushimangira ubu butumwa. Mu mezi ashize, nongeye gusura u Rwanda n'icyahoze cyitwa Yugosilaviya kugira ngo ngire inama ku bijyanye n'ubutabera bwo mu bihugu n'inkunga ikenewe iturutse mu biro byanjye.

Mu Rwanda, abafatanyabikorwa bacu, barimo cyane cyane Minisitiri w'Ubutabera n'Umushinjacyaha Mukuru, bashimangiye ko bashishikajwe no gushyikiriza ubutabera abakoze ibyaha mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Kugira ngo bagere ku ntego zabo, basabye inkunga ikomeye y'ibiro byanjye, cyane cyane mu gihe turimo kwegera Kwibuka ku nshuro ya 30.

Mu buryo nk'ubwo, mu cyahoze cyitwa Yugosilaviya, abashinjacyaha bose b'ibyaha by'intambara bo mu karere ndetse n'abo mu biro byanjye baherutse gukora inama ngarukamwaka kugira ngo baganire ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba z'ibyaha by'intambara mu gihugu ndetse n'ibisubizo by'uburyo ibibazo byakemurwa. Bongeye gushimangira ko bakomeje kwifuza nikunga mu butabera ikomeje gutangwa n'ibiro byanjye.

Muri rusange, turimo gutanga uburyo butatu bw'ubufasha ku bafatanyabikorwa bacu iyo babudusabye.

Icya mbere, dutanga uburyo bwo kubona ibimenyetso n'amakuru akubiye mu bubiko bw' ibimenyetso bwacu, byose hamwe bigera ku mpapuro zirenga miliyoni 11, amasaha ibihumbi by'amajwi n'amashusho hamwe n'ibimenyetso bifatika. Ikusanyamakuru ryacu ry' ibimenyetso ni umutungo wihariye ugaragaza ububiko bwuzuye bw'ibimenyetso byerekeranye n'ibyaha byakorewe mu Rwanda ndetse n'icyahoze cyitwa Yugosilaviya.

Icya kabiri, dukoresheje ubuhanga bwacu bwateye imbere, dutanga ubufasha mu bice byinshi by'amategeko, ibimenyetso, ubushinjacyaha n'ingamba. Kimwe mu bintu by'ingenzi bigize uyu murimo ni ugutegura dosiye z'iperereza no gufasha abashinjacyaha b'igihugu ku birebana n'ibyuho by'ibanze by'ubutabera bijyanye n'imanza zabereye muri ICTR, ICTY na IRMCT

Icya gatatu, dutanga ubufasha bw'inzobere iyo tubisabwe n'ubushinjacyaha bw'igihugu kubyerekeye abahunze ubutabera mu Rwanda ndetse n'ibihugu byahoze ari Yugosilaviya. Ibi birimo inkunga mu mikorere ya buri munsi hamwe na dipolomasi kubyerekeye abafatanyabikorwa bacu muri dosiye z'abahunze ubutabera.

Twizeye ko muri ibyo, tuzaterwa inkunga n'Akanama Gashinzwe Umutekano, n'ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye.

Ibi nibyo tugomba abarokotse n'abahohotewe n'ibyaha byakorewe mu Rwanda ndetse n'icyahoze cyitwa Yugosilaviya.

Nyakubahwa Perezida, ba Nyakubahwa,

Ibiro byanjye bitegereje igenzura ngaruka myaka ibiri risuzuma imikorere y'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha izatangira mu mezi ari imbere. Dushimishijwe no kwongera kurebera hamwe mu buryo bwimbitse hamwe n'Akanama Gashinzwe Umutekano imirimo isigaye n'ibindi bintu by'ingenzi, harimo no mu nama yabaye ejo y'itsinda rishinzwe imirimo.

Ku busabe bw'aka Kanama, OIOS iri munzira zo kurangiza kureba imiterere y'imikorere y'urwego rwacu rwa Mechanism, kandi ibi bizaba bimwe mu bizashingirwaho mw'isuzuma ry'urwego dukorera.

Uyu mwaka, isuzuma rya OIOS rizibanda ku bufatanye bwa Mechanism n'ibihugu bigize Umuryango, harimo cyane cyane uburyo dusubiza ibyo ibihugu bigize uyu muryango bikeneye kandi tugatanga umusanzu mu butabera bw'imbere mu gihugu. Mu gihe Mechanism irimo kugana mu mikorere y'insigarira gusa, iri suzuma ryibanze rirakwiriye cyane.

Nkuko bisanzwe, Ibiro byanjye byemereye mu mucyo abakozi ba OIOS kureba ibitabo by'ibarura byacu n'abakozi, kandi dutanga izindi nkunga n'ubufasha badusabye. Twishimiye ibitekerezo byubaka OIOS izaduha kandi dutegereje raporo n'ibyifuzo byayo.

Nyakubahwa Perezida, ba Nyakubahwa,

Mu gusoza, uku kwezi ni isabukuru y'imyaka 75 kuva aho Amasezerano yo Gukumira Jenoside yemejwe. Iyemezwa ry'aya masezerano, bitewe n'amahano ya jenoside yakorewe Abayahudi, ryari iterambere ry'ingenzi.

Inkiko zidahoraho zakurikiranye neza ibyaha bya jenoside byakorewe mu Rwanda ndetse n'icyahoze cyitwa Yugosilaviya, biteza imbere igihano cy'iki cyaha.

Twerekanye bidashidikanywaho ukuri ku byabaye, harimo ko abakoze ibyaha babikoze bagamije gusenya amatsinda arinzwe n'amategeko muri rusange cyangwa igice cyayo. Twateje imbere cyane ubucamanza bw'iki cyaha, cyane cyane tunamenya ko ibyaha byibasiye abagore n'abakobwa, harimo gufata ku ngufu no kwimura ku gahato, bishobora kuba bimwe muri gahunda z'ingenzi mu mitegurire ya jenoside.

Umuryango mpuzamahanga ntufite itariki ntarengwa mu nshingano zo gukurikirana ibyaha bya jenoside. Mu gihe iburanisha mpuzamahanga ku byaha byakorewe mu Rwanda ndetse n'icyahoze ari Yugosilaviya ryasojwe, ku nkunga yacu, abashinjacyaha b'igihugu bakomeje imirimo mu nkiko zabo.

Kandi hamwe n'ibihumbi by'abakoze ibyaha baturutse mu Rwanda ndetse n'icyahoze cyitwa Yugosilaviya bagikurikiranwa, ibihugu byose bigize Umuryango bifite inshingano n'amahirwe yo kubigiramo uruhare bitanga ubufatanye bwuzuye n'inkunga ifatika.

Tugomba kandi kumenya ko guhakana aribwo buryo bwa nyuma bw'ingengabitekerezo ya jenoside. Guhakana kugamije gusibanganya abahohotewe hamwe n'ibyaha.

Nkuko rero tugomba gukomeza gushakisha no guhana abayikoze, biranatureba kugirango ukuri kurindwe kandi gushimangirwe.

Izi ni inshingano ntangarugero Amasezerano ya Jenoside aduha, niba dushaka gukumira no guhashya "icyaha cy'ibyaha".

Ibiro byanjye byishimiye inkunga iyi Nama ikomeje kudutera mu mikorere yacu yose.

Murakoze kuntega amatwi.

****

**Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha**
**Ibiro by'Ubushinjacyaha**
Tel.: +31 (0)70 512 5278
Dukurikire kuri Facebook, Twitter, YouTube, LinkedIn
www.irmct.org